# 34: Ndusheho kukwegera, Mukiza

1. Ndusheho kukwegera, Mukiza, Ne kukuba kure: Nkwishingikirizeho, Mukiza, Ungendeshe neza.

2. Nerekan’ icyubahiro cyawe Mu byo nkora byose; Akanwa kanjye kajye kavuga
Ibyiz' umbwiriza.

3. Umpindure nk'isoko y'ibyiza,Itemb' idakama; He kugir' undi nkorer' iteka, Databuja mwiza.

4. Kand' imigambi yanjye n'inama Ubyigandurire; Nyemeza k' ur' Umwami wenyine Untegcka byose.

5. Ni Wowe mutsima w'ubugingo N'amazi mazima; lyo nishwe n'inzara n'inyota, Ni Wow' ujy' umpaza.

6. Ni Wow' uhaza kwifuza kwiza,Kose niyumvamo. Ni tujy' i wawe, nta cyo, Mukiza, Tuzifuz' ukundi.

Visit us at indirimbo.com